# Inteko ishingamategeko yemeje visi perezida na ministre w'intebe bashya

23 juin 2020 Veritas Kinyarwanda



*Vice Prezida Prosper Bazombanza (ibumoso) na Ministre w'intebe Gén. Alain Guillaume Bunyoni (iburyo)*

***Kuri uyu wa kabiri taliki ya 23/06/2020, inteko ishingamategeko y'Uburundi yemeje amazina yatanzwe n'umukuru w'igihugu ku myanya ikurikira: Kumwanya w'umukuru w'igihugu wungirije, inteko yemeje Bwana Prosper Bozombanza, naho ku mwanya wa ministre w'intebe, inteko yemeje Gén .Alain Guillaume Bunyoni. Abo bategetsi bombi bakaba bashyizweho nyuma y'irahira ry'umukuru w'igihugu mushya w'Uburundi Gén. Evariste Ndayishimiye.***

Abo bategetsi bombi bakaba bemejwe n'inteko ishingamategeko y'Uburundi yateranye ku buryo budasanzwe *nyuma y'aho umukuru w'igihugu cy'Uburundi Evariste Ndayishimiye yandikiye iyo nteko y'abadepite amabaruwa abasaba kwemeza abo bategetsi bombi kuri iyo myanya bashyizweho.* Abadepite bose batoye bari 94, amajwi y'abadepite 92 yemeje ko ***ministre w'intebe aba Gén. Alain Guillaume Bunyoni*** naho abadepite 2 barifata nk'uko byemejwe na perezida w'inteko y'abadepite ***Pascal Nyabenda***. Abadepite b'ishyaka rya CNL ry'Agathon Rwasa ntabwo bitabiriye iryo tora. *Abo badepite ba CNL bavuga ko iryo tora ryabatunguye kandi iyo myanya yashyizwemo abo bategetsi bombi ari imyanya ikomeye cyane* mu gihugu.

***Agathon Rwasa n***awe ntiyitabiriye iryo tora kandi ari umukuru wungirije w'inteko y'abadepite. ***Prosper Bazombanza yatowe n'abadepite 91***, abadepite 2 bakaba banze kumutora naho umudepite umwe arifata. Alain Guillaume Bunyoni akaba yatowe n'abadepite 92 ku mwanya wa ministre w'intebe naho abadepite 2 bakaba banze kumutora. Nyuma y'aho hamaze gushyirwaho Visi Perezida na ministre w'intebe ***hagiye gukurikiraho igikorwa cyo gushyiraho abandi ba ministre bagize leta nshya y'Uburundi.*** hari hashize imyaka 22 uburundi budafite ministre w'intebe, uwaherukaga muri uwo mwanya ni uwitwa **Pascal Ndimira Firmin** mu mwaka w'1998 ku butegetsi bwa Petero Buyoya.

***Ministre w'intebe Alain-Guillaume Bunyoni ni muntu ki?***




***Gén. Alain-Guillaume Bunyoni afite imyaka 48***, yari asanzwe ari ministre w'umutekano w'imbere mu gihugu kuva mu mwaka w'2015. Yavukiye muri komone ***Kanyosha*** iherereye mu mujyi wa Bujumbura. ***Mu mwaka w'1994 yigaga muri kaminuza y'i Burundi ariko ntiyashoboye gukomeza amashuri ye kuko yahise yinjira mu barwanyi b'umutwe wa FDD*** mu ntambara yatewe n'imvururu zakurikiye iyicwa rya perezida **Melchior Ndadaye**.

***Bunyoni kimwe na perezida Ndayishimiye bombi bataye amashiri binjira muri FDD*** kugeza ubwo habaye ibiganiro byo guhagarika intambara hagati ya leta y'Uburundi n'ishyaka rya CNDD FDD mu mwaka w'2003. Bwana Bunyoni akaba yarashinzwe imirimo itandukanye muri CNDD-FDD nyuma yaho iryo shyaka ryijiriye muri leta mu mwaka w'2003 na nyuma yaho ritsindiye amatora mu mwaka w'2005. ***Mu mwaka w'2004 -2005 Guilaume Bunyoni yahawe umwanya wo kuyobora ibiro bikuru by' igipolisi*** gishya cy'Uburundi cyari kimaze gusimbura umutwe w'abajandarume.

***Mu mwaka w'2005 kugera mu mwaka w'2007, Guillaume Bunyoni yagizwe umuyobozi mukuru w'igipolisi cy'Uburundi***. Kuva mu mwaka w'2011 kugera mu mwaka w'2014, Guillaume Bunyoni yagizwe ***umuyobozi mukuru w'ibiro bishinzwe abasivili*** (cabinet civil) mu biro by'umukuru w'igihugu cy'Uburundi. Mu mwaka w'2015 Nkurunziza amaze gutorerwa manda ya gatatu , havutse imvururu, ***Alain Guillaume Bunyoni yahise agirwa ministre w'umutekano mu gihugu*** maze ahangana n'ibibazo bikomeye by'imvuru zakurikiye iryo tora harimo n'abasilikare bashatse guhirika ubutegetsi bikabananira.

Kubera imbaraga nyinshi Gén. Alain Guillaume Bunyoni yakoresheje mu guhagarika imvururu zo ***mu mwaka w'2015 byatumye igihugu cya leta Zunze Ubumwe z'Amerika kimufatira ibihano kubera abantu baguye muri izo mvururu.*** Abatavuga rumwe n'ubutegetsi bw'Uburundi basanga kuba Gén. Alain Guillaume Bunyoni ahawe umwanya wa ministre w'intebe ari ikimenyetso cy'uko Leta ya Evariste Ndayishimiye igiye ***gukaza ikibazo cy'umutekano kurusha uko byari bimeze mbere***.

***Mu mwaka w'2007, Guillaume Bunyoni yari mu ntumwa z'umuryango w'abibumbye ONU*** zari zishinzwe kugarura Amahoro n'umutekano hirya no hino ku isi. Muri icyo gihe akaba ***yari umuyobozi w'abakuru ba polisi yo mu burasirazuba bw'Afurika (OCCPAE) bo mu ishami rishinzwe gushakisha abanyabyaha (Interpol).***

Guillaume Bunyoni yabaye ministre w'umutekano inshuro 2, ubwa mbere ni mu 2007 kugera mu w'2011, ubwa kabiri ni ukuva mu 2015 kugeza ubu agizwe ministre w'intebe.

Kuva mu mwaka w'2017 leta y'Uburundi yikuye mu masezerano ashyiraho urukiko mpuzamahanga mpanabyaha CPI bitewe n'uko urwo rukiko rwari rutangiye gukora iperereza ku bayobozi bakuru b'igihugu cy'Uburundi harimo na Alain Guillaume Bunyoni bashinjwa ibyaha byo guhohotera uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu mvururu zavutse mu mwaka w'2015!

***<u>Prosper Bazombanza we ni muntu ki?</u>***



***Prosper Bozombanza ni umuyoboke w'ishyaka rya UPRONA,*** akaba yaravukiye muri komine ya **Rusaka** yo mu ntara ya Mwaro , mu mwaka w'1960. ***Yarangije amashuri ya kaminuza mu Burundi akaba yarize ibyerekeranye n'ingufu n'amashanyarazi*** *(Génie Electromécanique)*. Bwana Prosper Bazombanza yabaye umwarimu w'ibarurishamibare (statistique) akora no mu ruganda rukora ikawa rwa SOGESTAL Kirimiro kuva mu mwaka w'1990 kugera mu mwaka w'1992.

***Yabaye Umuyobozi w'intara ya Mwaro kuva mu mwaka w'2002 kugera mu mwaka w'2005***, nyuma akora mubugenzuzi bw'amashuri y'imyuga mu ntara ya Mwaro kuva mu 2005 kugera mu 2010 aho yavuye agiye gukora mu itsinda rishinzwe ibibazo by'ubutaka no gusubiza mu byabo ababikuwemo n'intambara (CNTB), nyuma akaba yarahawe ***umwanya wo kuba umukuru w'igihugu wungirije (Vice président) kuva mu mwaka w'2014 kugera mu mwaka w'2015 asimbuye Bernanrd Busokoza*** wari umaze gukurwa kuri uwo mwanya na Perezida Petero Nkurunziza.

Mu mwaka w'2017 Prosper Bozombanza yagizwe umunyamabanga mukuru w'ikigo shinzwe kugenzura ihuriro ry'amashyirahamwe y'ubwiteganyirize (ARCA), mbere yo guhabwa uwo mwanya, Prosper Bazombanza yari ashinzwe ishyirahamwe ry'ubwiteganyirize bw'abakozi INSS kuva mu 2016 kugera 2017.

***Kuri uyu wa Kabiri taliki ya 23/06/2020, Prosper Bazombanza yongeye kugirwa umukuru w'igihugu wungirije*** kandi nk'uko itegeko nshinga ryo mu mwaka w'2018 ribivuga, uwo mwanya niwe uwuhawe wenyine mu gihe mu itegeko nshinga ryo mu mwaka w'2005 ryo ryavugaga ko abakuru b'igihugu bungirije bagombaga kuba ari 2.

Umukuru w'igihugu cy'Uburundi ***Evariste Ndayishimiye akaba atunguye abantu benshi*** kuberako batacyekaga ko bariya bagabo bombi bashobora guhabwa iriya myanya ikomeye.

***Veritasinfo***